Umwaka wa 42 n° idasanzwe
yo ku wa 27 Kamena 2003

Year n° 42 special
of June 27, 2003

42ème Année n° spécial
du 27 juin 2003

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda | **Official Gazette of the Republic of Rwanda** | **Journal Officiel de la République du Rwanda**

Itegeko//Law/Loi

N° 16 /2003 ryo ku wa 27/06/2003
Itegeko Ngenga rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki

J.O. n° spécial du 27/06/2003

ITEGEKO NGENGA N° 16/2003 RYO KU WA 27/06/2003 RIGENGA IMITWE YA POLITIKI N'ABANYAPOLITIKI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'INZIBACYUHO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RYEMEJWE N'URUKIKO RW'IKIRENGA, ISHAMI RY'URUKIKO RURINDA IREMEZO RY'ITEGEKO NSHINGA, KO RITANYURANYIJE N'ITEGEKO NSHINGA MU RUBANZA N° 017/11.02/03 RWACIWE KU WA 26 KAMENA 2003, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

Inteko Ishinga Amategeko y'Inziba cyuho, mu nama yayo yo ku wa 23 Kamena 2003;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga ryo ku wa 4 Kamena 2003, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 57, iya 62, iya 93, iya 108, iya 118-7°, iya 195 n'iya 201;

Isubiye ku itegeko n° 28/91 ryo ku wa 18 Kamena 1991 rigenga amashyaka ya Politiki;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE : AMAHAME RUSANGE

Ingingo ya mbere:

Muri iri tegeko ngenga, umutwe wa politiki. bevuga ihuriro ry'abenegihugu bahujwe n'ibitekerezo n'imyumvire imwe yo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage bose n'amajyambere y'Igihugu, bagamije kugera ku butegetsi mu nzira za demokarasi n'amahoro, kugira ngo babashe kubishyira mu bikorwa.

Umunyapolitiki ni umuntu wese ukora ibikorwa bya politiki nk'uko bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, yaba abikora ku giti cye cyangwa abinyujije mu mutwe wa politiki.

Ingingo ya 2:

Imitwe ya politiki yemerewe gushingwa no gukora mu bwisanzure. Igomba kubahiriza Itegeko Nshinga, andi mategeko n'amahame ya demokarasi, kandi ntihungabanye ubumwe bw'Abanyarwanda, ubusugire n'umutekano by'Igihugu.
Imitwe ya politiki igira uruhare mu kwigisha abenegihugu gukora politiki igendera kuri demokarasi, gutora no gutorwa, ikanakora ku buryo abagore n'abagabo bagira amahirwe angana yo kugera ku myanya n'imirimo ya Leta itorerwa.

Ingingo ya 3:

Imitwe ya politiki igira icyicaro cyayo ku rwego rw'Igihugu no ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali gusa.

Buri mutwe wa politiki umenyesha Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze mu nyandiko aho ukorera (Intara, Umujyi wa Kigali, Akarere, Umujyi, Umurenge n'Akagari), amazina y'abawuhagarariye n' umwirondoro wabo.

Ingingoya 4:

Uretse abavugwa mu ngingo ya 16 y'iri tegeko ngenga, umunyarwanda wese ugejeje nibura ku myaka cumi n'umunani y'amavuko afite uburenganzira bwo kujya cyangwa kutajya mu mitwe ya politiki. Ariko ntawe ushobora kuba, mu gihe kimwe, mu mitwe ya politiki irenze umwe.

Nta munyarwanda ushobora gukorerwa ivangura ku mpamvu z'uko ari cyangwa atari mu mutwe wa politiki.

Ingingo ya 5:

Imitwe ya politiki ibujijwe gushingira ku isanomuzi, ku bwoko, ku muryango, ku nzu, ku gisekuru, ku karere, ku gitsina, ku idini cyangwa ku kndi kintu cyose cyatuma habaho ivangura.

Buri gihe umutwe wa politiki ugomba kugaragaramo ubumwe bw'Abanyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo haba mu gushaka abayoboke, gushyiraho inzego z'ubuyobozi, mu mikorere no mu bikorwa byawo.

UMUTWE WA II: ISHINGWA, IMITERERE N'IMIKORERE Y'IMITWE YA POLITIKI

Ingingo ya 6:

Umutwe wa politiki ushingwa biturutse ku cyemezo cy'urwego ruhuza abayoboke bawo bwa mbere bakemeza amategeko awugenga hamwe n'amategeko ngengamikorere yawo.

Ingingo ya 7:

Amategeko agenga umutwe wa politiki agomba gutandukana n'amategeko ngengamikorere.

Amategeko agenga umutwe wa politiki agomba kugaragaza cyane cyane ibi bikurikira:

1° inyito yuzuye y'umutwe wa politiki ;
2° intego zawo ;
3° imiterere n'inzego ziwugize ;
4° icyicaro cyawo kigomba kuba kiri mu Rwanda;

5° abagize inzego zawo, uburyo batorwa n'uburyo basimburwa, n'igihe bamara ku murimo n'aho ububasha bwabo bugarukira;
6° ibisabwa mu kwemererwa kuba umuyoboke, mu gusezera no kwirukanwa kw'abayoboke;
7° abahagarariye umutwe wa politiki ;
8* ingingo zerekeye umutungo;
9° Ingingo zikurikizwa mu guhindura amategeko awugenga cyangwa kuwusesa;
10° icyo umutungo wawo ukoreshwa mu gihe usheshwe ku bushake bwawo cyangwa biturutse ku cyemezo cy'urukiko.

Amategeko agenga umutwe wa politiki agomba guteganya Komisiyo cyangwa urwego rushinzwe kunga no gukemura impaka, gusuzuma amakimbirane hagati y'abayoboke no gusobanura amategeko awugenga.

Ingingo ya 8:

Nta mutwe wa politiki ushobora kugira izina rirambuye cyangwa rihinnye n'ibindi bimehyetso biwuranga bikoreshwa n'undi Mutwe wa politiki, na Leta cyangwa se izindi nzego.

Ingingo ya 9:

Abashinga ¨imitwe ya politiki bagomba gushyikiriza Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze urwandiko rusaba ko umutwe wa politiki wandikwa kandi bagahabwa ibyemezo ko rwakiriwe.

Umubare w'abashyize umukono ku mategeko agenga umutwe wa politiki ugomba kuba nibura ijana na makumyabiri mu gihugu cyose, barimo nibura batanu babarurirwa (domicile) muri buri ntara n'Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 10:

Urwandiko rusaba ko umutwe wa politiki wandikwa ruherekezwa n'ibi bikurikira:

1° kopi eshatu z'amategeko agenga umutwe wa politiki ziriho umukono wa noteri, kopi eshatu z'inyandikomvugo z'inteko rusange yashinze umutwe wa politiki na kopi eshatu z'amategeko ngengamikorere yawo ;
2° inyandiko igaragaza ibiro umutwe wa politiki ukoreramo n'ibikoresho by'ibanze ufite;
3° kuri buri wese mu bahagararira umutwe wa politiki imbere y'amategeko:
a) icyemezo cy'umwirondoro wuzuye;
b) icyemezo cy'aho abarizwa gitangwa n'umuyobozi w'Akarere cyangwa w'Umujyi w'aho aba;
c) icyemezo cy'ubutabera kigaragaza ko atigeze akatirwa, yaba yarakatiwe kikagaragaza icyaha yahaniwe.

Ingingo ya 11:

Kugira ngo umuntu ajye mu nzego z'ubuyobozi z'Umutwe wa politiki agomba kuzuza ibisabwa bikurikira:

1 ° kuba ari umunyarwanda;
2° kuba afite nibura imyaka 21 y'amavuko;
3°kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;
4° kuba ari mu Rwanda;
5° kuba atarakatiwe igihano cy'igifimgo kirengeje imyaka itanu mu myaka icumi ishize kubera ibyaha bisanzwe;
6° kuba ari indakemwa mu myifatire no mu mibanire ye n'abandi;
7° kuba ataragize uruhare muri jenoside.

Ingingo ya 12:

Mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira isaba ry'iyandikwa, Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano *ze* akoresheje iteka yemeza ko umutwe wa politiki wanditswe iyo ibisabwa byose bivugwa mu ngingo ya *7,* iya 9 n'iya 10 z'iri tegeko ngenga byuzuye, byaba bituzuye agashyiraho iteka riherekejwe n'ibisobanuro by'uko iyandikwa ryanzwe.

Ariko, iyo nyuma y'isaba ry'iyandikwa hashize iminsi mirongo itatu (30) iteka rya Minisitiri ritaratangazwa, umutwe wa politiki ufatwa nk'uwanditswe kandi Minisitiri agomba gushyiraho mu minsi cumi n'itanu (15) iteka ryemeza ko wanditswe.

Iyo nta gisubizo gishimishije kibonetse, Umutwe wa politiki ushobora gutanga mu Rukiko Rukuru rwa Repitbulika ikirego cy'uko wangiwe kwandikwa.

Urukiko Rukuru rwa Repubulika rugomba gufata icyemezo mu minsi mirongo itatu (30) uhereye igihe ikirego cyagereye mu bwanditsi bw'Urukiko.

Ingingo ya 13:

Mu minsi mirongo itatu (30) ivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 12 y'iri tegeko ngenga, Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze akora isuzuma, ubushakashatsi cyangwa iperereza rikenewe kugira ngo agenzure niba ibyo umutwe wa politiki watangaje n'ibyangombwa watanze ari ukuri.

Ingingo ya 14:

Iteka rya Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze ryemeza ko umutwe wa politiki wanditswe riwuha ubuzima gatozi.

Iteka rya Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze ryemeza ko Umutwe wa politiki wanditswe n'amategeko awugenga bitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

jngingo ya 15:

Igihindutse mu buyobozi bw'Umutwe wa politiki kimwe n'ihindurwa iryo ari rya ryose rikozwe mu mategeko agenga umutwe wa politiki bigomba kumenyekanishwa mu buryo no mu nzira biteganyijwe mu ngingo ya 9 n'iya 10 z'iri tegeko ngenga, mu

gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikurikira umunsi habereye inama cyangwa hafatiwe icyemezo n'urwego rwakoze iryo hindurwa.
Ibyahinduwe mu mategeko agenga umutwe wa politiki na byo bitangazwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 14 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 16:

Abacamanza, abashinjacyaha, abasirikari, abapolisi n'abakozi bo mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe umutekano ntibemerewe kujya mu mitwe ya politiki,

Abandi bakozi ba Leta, abo mu bigo bya Leta no mu bigo bishamikiye kuri Leta bashobora kujya mu mitwe ya politiki riko ntibemerewe kuyihagararira imbere y'amategeko.

Ingingo ya 17:

Umutwe wa politiki ushaka gukoresha abayoboke, bawo inama ku mugaragaro cyangwa imyigarambyo ugomba kubimenyesha mu nyandiko Umuyobozi w'Umujyi cyangwa uw'Akarere iyo bireba Umujyi umwe cyangwa Akarere kamwe; Umukuru w'Intara cyangwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali iyo bireba nibura Uturere n'Imijyi nibura bibiri biri mu Ntara imwe cyangwa mu Mujyi wa Kigali; ba Minisitiri bafite Ubutegetsi bw'Igihugu n'Umutekano w'Igihugu mu nshingano zabo iyo bireba Uturere n'Imijyi biri mu Ntara no mu Mujyi wa Kigali bitandukanye, nibura icyumweru kimwe mbere y'uko bikorwa.

Uburyo bikorwa bugomba kubahiriza amategeko abigenga.

Ababiteguye bunganira ubuyobozi bwa Leta mu kubungabunga umutekano. Baryozwa ibikorwa byose ,n'imyitwarire y'abayoboke babo byahungabanyije umutekano w'abantu n'ibintu mu bwumvikane, bitashoboka hakitabazwa inkiko.

Ingingo ya 18:

Umutwe wa politiki wose uteje imvururu cyangwa umwiryane uhanwa hakurikijwe amategeko:

Ingingo ya 19:

Umutwe wa'politiki ntugomba kuryozwa ibikorwa by'umuyoboke cyangwa by'abayoboke bawo bidafite aho bihuriye n'umutwe wa politiki.

UMUTWE WA III: ITANGAZAMAKURU RY'IMITWE YA POLITIKI

Ingingo ya 20:

Umutwe wa politiki wose ufite uburenganzira bwo gushyiraho itangazamakuru ryawo no gusakaza inyandiko zawo, mu buryo bukurikije amategeko n'amateka rusange ariho.

Itangazamakuru ry'umutwe wa politiki ribujijwe gutangaza ibintu bisebanya cyangwa bishobora gukurura umwiryane, guhungabanya umutekano wa Leta, ubusugire bw'igihugu n'ubumwe bw'Abanyarwanda.
Imitwe ya politiki ifatwa kimwe mu birebana no gukoresha itangazamakurti rya Leta.

UMUTWE WA IV: UMUTUNGO W'UMUTWE WA POLITIKI

Ingingo ya 21:

Umutungo w'Umutwe wa politiki ukomoka

1° ku misanzu y'abayoboke bawo ;
2° ku mpano n'imirage;
3° ku mitungo n'ibikorwa byawo;
4° ku nkunga ya Leta.

Ingingo ya 22:

Umutwe wa politiki ushobora kwakira impano n'imirage. Mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) byakiriwe, ibyo uhawe bifite agaciro kangana nibura na miliyoni imwe (1.000.000 FRW) y'amafaranga y'u Rwanda bigomba kumenyeshwa Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze, hakerekanwa uwabitanze, ubwoko n'agaciro kabyo. Urwego rw'Umuvunyi n'Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki bigenerwa kopi.

Umutwe wa politiki ntiwemerewe kwakira impano n'imirage bitanzwe n'abanyamahanga, amasosiyete y'ubucuruzi cyangwa inganda n'ibigo bikora indi mirimo by'abanyamahanga cyangwa birimo imigabane y'abanyamahanga.

Ibigo bya Leta cyangwa ibigo Leta ifitemo. imigabane ntibishobora kugira impano biha umutwe wa politiki, cyangwa abanyapolitiki.

Inginngo ya 23:

Birabujijwe kandi bihanwa n'amategeko guha umutwe wa politiki cyangwa abanyapolitiki imisanzu, impano n'imirage bishobora guhungabanya ubwigenge n'ubusugire bw'Igihugu.
Ku bireba umutwe wa politiki cyangwa abanyapolitiki, birabujijwe kandi bihanwa n'amategeko kwakira impano, imisanzu, impano n'imirage bishobora guhungabanya ubwigenge n'ubusugire bw'Igihugu

Ingingo yo 24:

Umutwe wa politiki ugomba gukora buri gihe ibaruramari rigaragaza uko ibyinjira n'ibisohoka bingana ukanakora ibarura ry'imitungo ari iyimukanwa n'itimukanwa.

Ugomba kugaragariza Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano.ze uko umutungo wifashe buri mwaka bitarenze tariki ya 31 Werurwe z'umwaka ukurikira, ukagenera kopi Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki n'Urwego rw'Umuvunyi.

Inyandiko n'impapuro zirebana n'ibaruramari zigomba kubikwa nibura mu gihe cy'imyaka itanu. Igihe cyo kuzibika gitangirana n'isozwa ry'imirimo y'ibaruramari.

Ingingo ya 25:

Buri mwaka, bitarenze tariki ya 31 Werurwe y'umwaka ukurikira umwaka Wingengo y'imari, imitwe ya politiki igomba gushyikiriza urwego rw'umuvunyi ibitabo by'umutungo.

Urwo rwego rugenzura buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa rubyibwirije cyangwa rubisabwe na Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze, uko umutungo w'imitwe ya politiki wabonetse n'uko wakoreshejwe, rukagenera kopi Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze, Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki na Sena. Urwego rw'Umuvunyi ruhabwa ibimenyetso n'ibisobanuro bikenewe mu kurangiza inshingano zarwo.

Ingingp ya 26:

Umutungo ukomoka ku bikorwa bibyara inyungu by'imitwe ya politiki ni wo wonyine usoreshwa.

Ingingo ya 27:

Umutungo wa Leta ntushobora gukoreshwa mu mikorere cyangwa mu nyungu z'umutwe wa politiki igihe bitateganijwe n'itegeko:

Ariko, iyo ari mu mwaka w'amatora, Leta iteganya mu itegeko rigenga imari inkunga igenewe gufasha imitwe ya politiki n'abakandida bigenga mu bikorwa byo kwiyamamaza. Umubare w'amafaranga ahabwa imitwe ya politiki n'abakandida bigenga uba ungana.
Ayo mafaranga ahabwa gusa imitwe ya politiki cyangwa abiyamamaje ku giti cyabo babonye amajwi angana nibura n'atanu ku ijana by'amajwi y'abatoye.

UMUTWE WA V: IBYEREKEYE IMIKORANIRE Y'IMITWE YA POLITIKI NA LETA N'IZINDI NZEGO

Inggngo ya 28:

imitwe ya politiki ishobora kugirana umubano n'indi mitwe ya politiki, imiryango cyangwa ingaga zo mu gihugu cyangwa byo hanze y'igihugu.

Ariko imiterere y'uwo mubano ntishobora kugera ku byemezo binyuranyije n'amategeko cyangwa bibangamiye ubusugire bw'Igihugu.

Ingingo ya 29:

Imitwe ya politiki igomba gufatwa kimwe imbere y'inzego za Leta. Imitwe ya politiki igomba kugira uruhare mu kurangiza intego ihoraho ya Leta yo gukorera abaturage. Imitwe ya politild igomba kandi kwamagana imitekerereze, imyifatire n'imyitwarire bibogamye nk'ibyaba bigamije gukoresha Leta nk'iy'agatsiko runaka k'abanyapolitiki

Ingingo ya 30:

Imitwe ya politiki igira uruhare mu gukangurira abaturage ibyerekeye politiki y'igihugu kandi igomba kubahiriza demokamsi mu rwego rw'imiterere ya politiki yagenwe n'Itegeko Nshinga.

UMUTWE WA VI: IBYEREKEYE ISHYIRAHAMWE N'IHUZWA RY'IMITWE YA POLITIKI

Ingingo ya 31:

Imitwe *ya* politiki ishobora kugirana amasezerano yo gukora ishyirahamwe hagamijwe amatora mu buryo bwo kugera ku butegetsi.

Iryo shyirahamwe ry'imitwe ya politiki ntirishobora kugira ubuzima gatozi bwaryo.

Ingingo ya 32:

Kubumbira imitwe ya politiki ibiri cyangwa myinshi muri umwe bigamije gukuraho ubuzima gatozi buri mutwe wa politiki wari ufite no gushinga umutwe wa politiki mushya ufite ubuzima gatozi biremewe.

Icyo gihe bimenyeshwa mu nyandiko Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze.

Icyemezo cyo kubumbira imitwe ya politiki muri umwe kigomba kugira umukono w'abayobozi b'imitwe ya politiki yibumbiye muri umwe no guherekezwa n'inyandikomvugo y'inama y'urwego rukuru rwa buri mutwe rwafashe icyo cyemezo, hamwe n'amategeko agenga uwo mutwe wa politiki mushya ndetse n'amategeko ngengamikorere yawo.

Ibyangombwa bisabwa kugira ngo uwo mutwe wa politiki mushya wandikwe ni bimwe n'ibisabwa umutwe wa politiki ugishingwa.

Ingingo ya 33:

Imitwe ya politiki ntishobom kwibumbira muri umwe nk'uko bivugwa mu ngingo ya 32 y'iri tegeko ngenga mu gihe cy'amatora.

Iryo huzwa ry'imitwe ya politiki rigomba kuba ryanditswe hasigaye nibura iminsi mirongo cyenda mbere y'itangira ry'igihe cyo kwiyamamaza.

Ingingo ya 34:

Mbere y'iyandikwa ry'ihuzwa ry'imitwe ya politiki, inzego nkuru z'iyo mitwe zikemura mu bwumvikane ibibazo byose byerekeye umutungo ushyizwe hamwe, n'imyenda iyo mitwe ya politiki yari ifitiye abandi cyangwa abandi bari bayifitiye.

UMUTWE WA VII: IBYEREKEYE IMYITWARIRE Y'IMITWE YA POLITIKI N'IY'ABANYAPOLITIKI

Ingingo ya 35:

Imitwe ya politiki cyangwa umunyapolitiki ntibagomba kubangamira umutuzo rusange wa rubanda n'uburenganzira n'ubwisanzure bwa buri muntu ku giti cye n'ubw'abantu muri rusange.

Babujijwe by'umwihariko gushinga imitwe ya gisirikari cyangwa yitwara gisirikari.

Ingingo ya 36:

Mu bihe by'amage cyangwa ibihe by'imidugararo, umunyapolitiki n'umutwe wa politiki birinda cyane cyane ibi bikurikira:

1 ° igikorwa, inyandiko cyangwa imvugo byongerera imbaraga umwanzi w'Igihugu ;
2° igikorwa, inyandiko cyangwa imvugo bigabanya cyangwa bitatanya imbaraga z'Igihugu;
3° gushakira inyungu zabo bwite muri ibyo bihe
4° igikorwa, inyandiko cyangwa imvugo biteza imidugararo;
5° gushingira ku kababaro Vabaturage bagakora ibikorwa. bigamije inyungu zabo bwite ;
6° guteza ibibazo byatuma ibihe by'amage cyangwa ibihe by'imidugararo bitarangira; .
7° kunyuranya n'amategeko y'Igihugu ateganya uko hashyirwaho umukuru wacyo.

Ingingo ya 37:

Mu bihe by'amage cyangwa ibihe by'imidugararo umunyapolifki n'Umutwe wa politiki basabwa cyane cyane ibi bikurikira:

Iº kubahiriza ibitangajwe na Perezida wa Repubulika;
2° kugira uruhare mu gukuraho cyangwa kuvuguruza impamvu zitangwa n'umwanzi ko ari zo ashingiraho atera Igihugu;
3° kugira ibikorwa, imvugo cyangwa inyandiko bishishikariza abaturage guhangana n'umwanzi w'Igihugu bitanga kandi bacyitangira;
4° kugira ibikorwa, imvugo cyangwa inyandiko bishishikariza abaturage ubumwe no kwirinda amacakubiri n'ivangura;
5° guharanira ko intambara ihagarara ibyayiteje bigakemurwa mu mahoro;
6° gukora icyatuma imidugararo ihosha n'icyatuma irangira;
7° kurwanya no kuburizamo imigambi y'abafashe ubutegetsi *ku* ngufu;
8° kwifatanya n'abandi no gukangurira abaturage gutera inkunga abagize amage no gusana ibyangiritse;
9° gukora ku buryo ibyateje amage cyangwa ibihe by'imidugararo bibonerwa ibisubizo byatuma birangira vuba kandi neza.

Ingingo ya 38:

Ibihe by'ihiganwa muri politiki ni ibihe by'amatora; muri ibyo bihe umunyapolitiki cyangwa umutwe wa, politiki bategetswe cyane cyane ibi bikurikira

1º kubahiriza ibitangajwe na Perezida wa Repubulika
2° gutoza abayoboke babo kujya mu ihiganwa mu mahoro n'ubwubahane nta muvundo;
3° kubaha abo bahiganwa ntibabandagaze cyangwa ngo babasebye;
4° kuvugisha ukuri igihe cy'ihiganwa;
5° kumenyesha Abanyarwanda amahame remezo na gahunda by'umutwe wa politiki bigamije kubaka Igihugu;
6° kwirinda kwangiza impapuro z'amatora, kwiba amajwi no guhungabanya igikorwa cy'itora cyangwa icy'ibarura ry'amajwi;
7° kwirinda kuburana amahugu cyangwa gusebya igikorwa cyakozwe mu buryo bwubahirije amategeko;
8° kunyura mu nzira zateganyijwe n'amategeko no kubahiriza icyemezo ndakuka cy'urwego rubifitiye ububasha igihe hari ingingimira zabonetse mu matora.

Ingingo ya 39:

Ibihe bisanzwe muri politiki ni ibihe bitari iby'amage, cyangwa ibindi bihe by'imidugararo n'ibihe bitari iby'amatora.

Mu bihe bisanzwe umunyapolitiki n'umutwe wa politiki bubahiriza cyane cyane ibi bikurikira:

1° kubahiriza amategeko n'amabwiriza;
2° kugirana inama n'abagize inzego z'umutwe wa politiki;
3° gutegura no gushyira ahagaragara amahame remezo na gahunda y'ibyo bakora bageze ku butegetsi;
4° kumenyekanisha ibitagenda neza mu gihugu no gutanga ibitekerezo ku byakorwa;
5° guharanira ubwiyunge n'ubumwe bw'Abanyarwanda;
6° gukangurira abaturage kwitabira demokarasi mu mahoro no kwirinda ivangura n'amacakubiri ayo ari yo yose;
7° gutoza abaturage kutemera, kudashyigikira no kurwanya ubutegetsi bwajyaho buhiritse ubwashyizweho mu buryo bwubahirije amategeko.

Ingingo ya 40:

Umunyapolitiki n'Umutwe wa politiki babujijwe cyane cyane ibi bikurikira:

1° gushyigikira cyangwa gukora ikintu icyo ari cyo cyose cyatuma haba intambara, imidugararo n'ibindi byose bituma igihugu kijya mu bihe bidasanzwe;
2° gutesha u Rwanda n'Abanyarwanda agaciro;
3° kugira igikorwa icyo ari cyo cyose cyahungabanya cyangwa se kikabangamira ubusugire bw'igihugu, uburenganzira bwa Muntu, demokarasi n'ubutabera
4° kugira ibikorwa, imvugo cyangwa inyandiko zikurura ivangura iryo ari ryo ryose n'amacakubiri mu banyarwanda;
5° gucisha ukubiri n'amategeko n'amateka rusange agenga imitwe ya politiki;

6° kugira igikorwa icyo ari cyo cyose kibangamira cyangwa kibuza indi mitwe ya politiki yemewe gukora mu buryo bwemewe n'amategeko;
7° guhatira umuntu kujya mu mutwe wa politiki ;
8° gushora abayoboke b'umutwe wa politiki n'abaturage muri rusange mu bikorwa by'iterabwoba cyangwa kubatoza umuco wo kutihanganirana,
9° guhisha inkomoko y'umutungo w'umutwe wa politiki cyangwa se kuwushaka ku buryo bunyuranyije n'amategeko;
10°gukoresha amagambo n'ibikorwa bigamije gusebanya, gutesha umuntu agaciro, kumwambura umwanya afite mu buyobozi bw'Igihugu mu buryo bunyuranyije n'amategeko, cyangwa se kumuvutsa imirimo yikorera ku giti cye;
11° gushyira ibibaranga ku mutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa wa Leta cyangwa w'undi mutwe wa politiki;
12° kumena ibanga ry'umurimo wa Leta bashinzwe cyangwa bari bashinzwe;
13° kugira ibikorwa cyangwa imvugo bigaragaza ukutihanganira ibitekerezo binyuranye n'ibye;
14° guhakana cyangwa gupfobya Jenoside.

Ingipgo ya 41:

Umunyapolitiki abujijwe by'umwihariko ibi bikurikira:

1° kugira imyitwarire imutesha agaciro;
2° gukoresha igitugu n'iterabwoba;
3° kwitwaza umwanya afite ngo arenganye abandi cyangwa ngo yice amategeko;
4° kugambanira abandi banyapolitiki n'Igihugu;
5° kurya ruswa no gukora ibyaha bifitanye isano nayo;

J.O. n° spécial du 27/06/2003

6° gucunga nabi ibyo ashinzwe;
7° kwigira ikigirwamana;
8° kwiyitiranya n'urwego rw'ubutegetsi arimo;
9° gukorera mu bwiru;
10°gutonesha no kurenganya.

UMUTWE WA VIII: IBYEREKEYE IBIHANO N'IVANWAHO RY'IBYEMEZO BYAFASHWE N'INZEGO Z'UMUTWE WA POLITIKI

Ingingo ya 42:

Sena ishobora kurega Umutwe wa politiki wateshutse bikomeye ku nshingano zikubiye mu ngingo ya 52, iya 53 n'iya 54 z'iri Tegeko Nshinga mu Rukiko Rukuru, rwa Repubulika.

Sena kandi ishobora kuregera Urukiko Rukuru rwa Repubulika Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki bateshutse bikomeye ku nshingano zivugwa mu ngingo za 35, 36, 37, 38, 39, 40, na 41 z'iri tegeko ngenga.

Bitewe n'uburemere bw'ikosa ry'umutwe wa politiki ryagaragajwe, Urukiko rushobora gufata kimwe mu bihano bikurikira, bitabangamiye izindi ngingo zerekeranye no gukurikiranwa mu bucamanza

1° kwihaniza ku mugaragaro; .
2° guhagarika ibikorwa byawo mu gihe kitarenze imyaka ibiri;
3°guhagarika ibikorwa byawo mu gihe cya manda yose y'abadepite;
4°kuwusesa.

Umutwe wa politiki uregwa uhabwa uburyo bwose bwo kwiregura buteganyijwe n'amategeko.

Icyemezo ndakuka gitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Ingingo ya 43:

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 69 y'Itegeko Nshinga kandi bitabujije ko umunyapolitiki utubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 35, 36, 37,38, 39, 40, n'iya 41 z'iri tegeko ngenga ahanishwa ibihano biteganywa n'Igitabo cy'amategeko ahana ibyaha, umunyapolitiki ashobora guhanishwa kwihanangirizwa n'urwego rumukuriye cyangwa kuvanwa mu mwanya wa politiki arimo.

Umunyapolitiki uregwa ahabwa uburyo bwose bwo kwiregura buteganyijwe n'amategeko.

Ingingo ya 44:

Abagize Umutwe w'Abadepite batowe baturutse mu mutwe wa politiki washeshwe bahita bakurwa ku mwanya w'ubudepite.
Hakoreshwa itora ryo gushyiraho ababasimbura bagomba kurangiza igice cya manda cyari gisigaye iyo kirenze umwaka umwe.

Ingingo ya 45:

Ibihano byafashwe mu gushyira mu bikorwa ibikubiye mu ngingo ya 42 y'iri tegeko ngenga bihita bimenyeshwa mu buryo bwemewe n'amategeko uhagarariye umutwe wa politiki kandi bikamenyeshwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida wa Sena, Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze na Porokireri Mukuru wa Repubulika.

Iyo umutwe wa politiki wahagaritswe, ibikorwa byawo byose birahagarikwa wabirengaho ugakurikiranwa mu bucamanza.

Ingingo ya 46:

Bitabangamiye amategeko ahana asanzwe akurikizwa, umuntu wese unyuranyije n'iri tegeko ngenga, agashinga cyangwa akayobora umutwe wa politiki, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu kugeza ku myaka ibiri n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese uyobora cyangwa wiyitirira umutwe wa politiki wakomeje ibikorwa byawo mu gihe wahagaritswe cyangwa ukaba warongeye gusubirana nyuma y'iseswa ryawo, ahanishwa ibyo bihano.

Ingingo ya 47:

Umutwe wa politiki udakurikije ibiteganyijwe mu ngingo ya 25 y'iri tegeko ngenga uhanwa ku buryo bukurikira:

1° kwihanangirizwa ugahabwa n'igihe ntarengwa cyo gutanga ibitabo by'umutungo kandi inkunga ya Leta ihabwa uwo mutwe igahagarikwa igihe cyose ibyo bitabo bitaratangwa;
2° guhagarikwa mu gihe cy'umwaka, iyo nyuma yo kwihanangirizwa uwo mutwe wa politiki wongeye kurenza, ku nshuro ya kabiri, itariki ivugwa mu ngingo ya 25 y'iri tegeko ngenga utubahirije ibisabwa;
3° guseswa, mu gihe nyuma y'ibihano bivugwa muri 1° na 2° z'iyi ngingo, uwo mutwe wa politiki wongeye kurenza ku nshuro ya gatatu itariki ivugwa mu ngingo ya 25 y'iri tegeko ngenga utubahirije ibisabwa;

Ibihano bivugwa muri 1° y'iyi ngingo bitangwa n'Umuvunyi.

Igihano kivugwa muri 2° y'iyi ngingo gitangwa na Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze, bisabwe n'Umuvunyi.

Igihano kivugwa muri 3° y'iyi ngingo gitangwa n'inkiko, bisabwe na Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze.
Ibyemezo byafashwe mu rwego rwo kubahiriza ibivugwa muri iyi ngingo bimenyeshwa ba Perezida b'Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko, Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze, Umuvunyi n'Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki.

Ingingo ya 48:

Iyo umutwe wa politiki usheshwe hakurikijwe amategeko awugenga, umutungo wawo ukoreshwa icyateganyijwe n'ayo mategeko.

Iyo usheshwe biturutse ku cyemezo cy'ubucamanza, hashyirwaho ushinzwe kurangiza iryo seswa. Atumiza, mu gihe giteganywa n'icyemezo kimushyiraho, inama y'urwego rukuru rw'umutwe wa politiki iteranira gusa gufata icyemezo kirebana n'icyo umutungo ugomba gukoreshwa.

Ingingo ya 49

Umuyoboke n'undi wese ubifitemo inyungu bashobora kuregera inkiko kugira ngo zivaneho icyemezo cyose kinyuranyije n'amategeko agenga umutwe wa politiki cyangwa n'ingingo z'amategeko, cyafashwe n'inzego z'umutwe wa politiki cyangwa n'abawuhagarariye.

Icyakora, mbere y'uko umuyoboke aregera inkiko, abanza kugeza ikibazo cye ku rwego rw'umutwe wa politiki rushinzwe kunga no gukemura impaka. Iyo atanyuzwe n'umwanzuro utanzwe n'urwo rwego, ageza ikibazo cye ku rwego rukuru rw'umutwe wa politiki rugafata icyemezo. Iyo atanyuzwe n'icyo cyemezo gifashwe, aregera urukiko rubifitiye ububasha.
Kopi y'imikirize y'urubanza ishyikirizwa ba Perezida b'Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko na Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze.

UMUTWE WA IX: IBYEREKEYE IHURIRO NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

Ingingo ya 50:

Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki rivugwa mu ngingo ya 56 y'Itegeko Nshinga ni urwego rwigenga mu micungire y'abakozi n'umutungo kandi rufite ubwisanzure mu bitekerezo no mu gufata icyemezo mu buryo butanyuranyije n'itegeko.

Icyicaro cy'Ihuriro kiri mu Murwa Mukuru w'u Rwanda.

Ingingo ya 51:

Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki rigizwe n'imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda, rikaba rifite cyane cyane inshingano zikurikira :

1º kuba urubuga abarigize bunguraniramo ibitekerezo bya politiki byakwifashishwa mu miyoborere y'Igihugu;
2° gutuma imitwe ya politiki ifite abayihagarariye mu Nteko Ishinga Amategeko n'itabafite igira aho ihuriza ibitekerezo byakwifashishwa mu miyoborere y'Igihugu;
3° gutuma imitwe ya politiki iganira ku bbazo biremereye Igihugu, imyanzuro ivuyemo igashyikirizwa inzego za Leta zibifite mu nshingano zazo kugira ngo zibe zayifashisha mu miyoborere y'Igihugu;
4° gutuma abari mu mitwe ya politiki baba intangarugero muri politiki y'ubumwe n'ubwiyunge no kurwanya ivangura n'amacakubiri;
5° gutuma abari mu mitwe ya politiki bagira imikorere igarurira kandi igashimangira icyizere abaturage bagirira imitwe ya politiki n'abanyapolitiki;
6° gufasha imitwe ya politiki irigize kumvikana no gukurikiranira haft uko politiki ikorwa mu Gihugu;
7° gutuma imitwe ya politiki irigize ihuriza hamwe imbaraga zo kurwanya ibitekerezo umwanzi w'Igihugu yakoresha atera u Rwanda cyangwa abiba amacakubiri mu banyarwanda;
8° kunganira Leta mu gukangurira abaturage ubufatanye cyane cyane mu gihe cy'amakuba;
9° gushakira abari mu mitwe ya politiki amahugurwa n'ingendoshuri byatuma bongera ubumenyi mu bya politiki,
10°kugeza bamwe mu bajya muri Sena nk'uko biteganywa n'ingingo ya 82 y'Itegeko Nshinga;
11º gushimangira ihame ryo gushakira ubutegetsi;
12°gutoza abanyapolitiki n'abandi baturage umuco wo kubona ko uwo muhiganwa atari umwanzi ko ahubwo mwafatanya mu bitekerezo byubaka;
13° kuba umuhuza mu bbazo bivutse hagati y'imitwe ya politiki mbere y'uko bishyikirizwa inkiko;
14° kuba umuhuza mu bibazo bivutse mu mutwe wa politiki mbere y'uko bishyikirizwa inkiko iyo uwo mutwe ubisabye;
15°gukurikirana imikorere n'imyitwarire y'abahagarariye imitwe ya politiki mu nzego z'ubuyobozi.

Ingingo ya 52:

Umutungo w'Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki ukomoka ku ngengo y'imari ya Leta, ku mpano no ku mirage.

Ingingo ya 53:

Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki rigira Umuvugizi n'Umuvugizi Wungirije rikagira n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, bashyirwaho mu buryo bwubahirije ibiteganywa n'amategeko ngengamikorere yaryo.

Imikoreshereze y'umutungo w'Ihuriro igenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.
Amategeko ngengamikorere y'Ihuriro ashyirwaho n'Inama rusange igizwe n'umubare w'abantu ungana kuri buri mutwe wa politiki ugize Ihuriro.

UMUTWE WA X: IBYEREKEYE INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA
Ingingo ya 54:

Inama ya mbere y'Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda itumizwa kandi ikayoborwa na Minisitiri ufite imitwe ya politiki mu nshingano ze. Buri mutwe wa politiki uhagararirwa n'abantu bane (4) muri iyo nama ya mbere.

Ingingo ya 55:

Hatitawe ku ngingo ya 33 y'iri tegeko ngenga, iyandikwa ry'imitwe ya politiki yibumbiye muri umwe rigomba gukorwa bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'itangira ry'igihe cyo kwiyamamaza kibanziriza amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite akurikira isozwa ry'igihe cy'Inzibacyuho.

Ingingo ya 56:

Imitwe ya politiki isanzwe yemewe mu Rwanda igomba guhuza amategeko yayo n'iri tegeko ngenga ikiyandikisha bitarenze iminsi cumi n'itanu uhereye ku mnsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Umutwe wa politiki utubahirije ibikubiye mu gika cya mbere cy'iyi ngingo uba usheshwe nta mpaka.

Iteka rya Minisitiri ritangaza ko uwo mutwe wa politiki usheshwe kandi rigasaba ko iryo seswa rirangizwa hakurikijwe amategeko agenga uwo mutwe, bitashoboka bigakorwa n'inzego z'ubucamanza.

Ingingo ya 57:
Itegeko n°28/91 ryo ku wa 18 Kamena 1991 rigenga imitwe ya politiki n'ingingo zose z'andi mategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranye naryo bivanyweho.

Ingingo ya 58 : Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 27/06/2003

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(séI)

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Itangazamakkuru
n'Imibereho Myiza y'Abaturage
BAZIVAMO Christophe
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika

Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego
MUCYO Jean de Dieu
(sé)